Nyakubahwa Perezida Paul Kagame
Village Urugwiro – Kacyiru
Kigali - Rwanda

Kigali, Tariki 15 Nyakanga 2019

Nyakubahwa,

Nyuma yo kumenya urupfu rw'umucungagereza witwa Mwiseneza Jean Paul bakundaga kwita Nyamata, wishwe urw'agashinyaguro atewe ibyuma ndetse agacibwa n'umutwe tariki ya 10 Kamena 2019, nasanze nkwiye kubohererereza iyi baruwa. Mwiseneza twari dusanzwe tuziranye, tuganira. Yishwe hashize igihe gito tumaze kuvugana ku mwuka mubi warangwaga muri gereza ya Mageragere ku buryo benshi mu bahafungiwe bahakomerekeye bikomeye.

Nyakubahwa, Mwiseneza yari yaracitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi. Yapfushije abo mu muryango we bose arokoka wenyine na mushiki we. Umubiri we wari wuzuye inguma z'imihoro yatemeshejwe muri Jenoside.

Ikibabaje ni uko atari we wa mbere wacitse ku icumu rya Jenoside wishwe, ahubwo hari n'abandi benshi bavukijwe ubuzima n'abagize inzego zishinzwe umutekano. Abacitse ku icumu bamaze kwicwa ni benshi ku kigero giteye impungenge (murebe urutonde ku mugereka). Hari n'abandi bapfa batari abacitse ku icumu. Icyakora muri iyi baruwa ndibanda ku bacitse ku icumu kubera ko turi mu cyunamo cy'iminsi 100 tunibuka ko hashize imyaka 25 habaye Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

Nyakubahwa, nahisemo kuba ari mwe ngenera iyi baruwa ibagezaho aya makuru ahangayikishije cyane kubera ko inzego nka CNLG cyangwa imiryango nka Ibuka yakabaye iharanira ubutabera bw'abacitse ku icumu ikunze kugaragaza ubwoba no gutinya kubwiza ukuri ishyaka riri ku butegetsi. Kimwe n'izindi nzego ndetse n'imiryango byitwa ko byigenga ariko bikorera ku mabwiriza aturutse "hejuru".

Nyakubahwa, ku bigaragara leta yacu yiyemeje gukomeza kuzirikana abacu twakundaga bazize Jenoside. Kandi koko ibyo birakwiye. Dukwiye gukomeza kwibuka tuniyubaka nkuko Ubuyobozi bubidushishikaririza. Ariko se Nyakubahwa Perezida, abenshi muri twe baziyubaka bate barenganywa, batotezwa, banyerezwa, bicwa?
Kuki abarokokeye muri ariya mahano ya Jenoside batitaweho nk'abayazize? Kubera iki icyubahiro gihabwa abapfuye kidahabwa abakiriho? Kuki izi mpuhwe dufitiye abaguye muri buriya bwicanyi bw'indengakamere tutazigirira ababurokotse? Tuzakomeza kuvuga abapfuye tudashobora no kuvugira abakiriho?